Akanyamakuru INSHUTI y'urubyiruko

# INSHUTI

...Twubakane ejo heza...


Numero ya 24 Akanyamakuru gasohoka rimwe mu kwezi

Gicurasi 2014

Aka kanyamakuru NTIKAGURISHWA
uburenganzira bwihariwe n'abanditsi
BP 952 Kigali, Telefoni : 0788773943 - 0788479099 - 0788853615

Email: clubrafiki@yahoo.com

## GUSIRAMURWA HAKORESHEJWE IMPETA, NI BUMWE MU BURYO BWIZEWE!



## ABAJENE MURABIZI SE ?

Ntibisanzwe! Mujene waba ufite ikibazo
cy'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina nka mburugu?
Waba se ukeneye kumenya ubwoko bw'amaraso yawe? Ukeneye kwipimisha Virusi itera SIDA se?

CLUB RAFIKI
Pour un avenir meilleur

Egera ikigo Club Rafiki kirabigufashamo cyangwa uduhamagare kuri nimero zikurikira :
0788 773 943,0788 853 615, 078 8479 099

IBIRIMO


- Ijambo ry'ibanze
- Ubuzima bwacu
- Ubumenyi n'Ikoranabuhanga
- Inganzo n'abahanzi
- Ejo hacu
- Duseke-inkirigito-Byenda gusetsa
- Ibidukikije
- Amafoto yo kwibazaho
- Amakuru anyuranye
- Ubukungu
- Amakuru yo hirya no hino
- Twigire ku mateka
- Ese nibyo?
- Amashyengo n'ikarishyabwenge
- Amakuru y'imikino
- Inkuru ishushanyije



**ITSINDA RY'ABANDITSI**

- RUDAHUNGA N Désiré (Umwanditsi mukuru)

  Telefoni : 0788773943

  Email: nzideson@yahoo.fr

- UWIMBABAZI Aline

  Telefoni : 0788479099

  Email: uwalixy@yahoo.fr

  MUKANKWAYA Joyce (Editor)

- NSENGUMUREMYI Omar Tony (chief Editor)

  Telefoni : 0 788 853 615

  Email: omaritony@yahoo.com



Iki kinyamakuru **( INSHUTI Y'URUBYIRUKO )** cyandikwa na CLUB RAFIKI ku bufatanye n'inzego zitandukanye mu rwego rwo guteza imbere urubyiruko :

⇒ **Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC)**

⇒ Akarere ka Nyarugenge

⇒ **Ibigo by'urubyiruko**

⇒ Abajene batandukanye bibumbiye mu miryango **inyuranye n'abandi**





## INSHUTI Y'URUBYIRUKO

Akanyamakuru INSHUTI **Y'URUBYIRUKO,** kandikirwa buri wese cyane cyane urubyiruko, katwereka uburyo urubyiruko rwakwiteza imbere no guteza imbere igihugu cyacu, gatanga amakuru atandukanye afasha mu buzima busanzwe ndetse agamije kwigisha, ariko kandi gakora ibirenze ibyo mu busesenguzi no gutanga inama ku buzima bwacu. Hagati aho ntikabogamira ku uruhande uru nuru muri politike. Ikindi kandi ni uko aka kanyamakuru ka-gamije cyane gufasha abantu muri rusange kwiyubakamo icyizere cy'ejo hazaza heza.

# UBUZIMA BWACU

## GUSIRAMURWA HAKORESHEJWE IMPETA,NI BUMWE MU BURYO BWIZEWE.

Gukebwa hakoreshejwe impeta uburyo bita *PREPEX, ni uburyo bushya bugezweho mu Rwanda ndetse twavuga ko ari naho bwatangiriye .* Kuri ubu ubu buryo ibijyanye no kubagwa, ntibigikenewe kuko mu ikoreshwa ry'impeta yabugenewe , abaganga babihuguriwe icyo bakora bafata impeta bakayishyira ku mu twe w'igitsina cy'umugabo cyangwa umuhungu , bakayizinguriza ku ruhu rusaguka inyuma mu gihe cy'icyumweru uruhu ruba rwumye hanyuma rukagwa nkuko umwana muto akungura mu gihe ata icyo bita uruzongi. Ubu buryo abajene benshi babidutangarije batubwiye ko ari uburyo bwiza butaba-



baza nk'ubwambere bwakoreshwaga bwo gukeba babaze. Ubu bushakashatsi bukaba bukomoka mu gihugu cya Isiraheri ariko bukaba bwaratangiriye mu Rwanda aho bumaze kugera ku ntambwe nziza kandi ishimishije kuko butari bwagaragaza ko buteza ibibazo.

Ubushakashatsi bwinshi bwakozwe bwerekanye ko impeta ari nziza mu gusiramura kurusha Kubagwa nk'uko Muganga Sabin uhagarariye ishami rishinzwe indwara z'ibyorezo muri RBC abitangaza. Kwisiramuza, ubushakashatsi bugaragaza ko byongera amahirwe 60% yo kuba utakwandura virusi itera SIDA. Gusa aha byumvikane neza ko bidatuma utagerwaho na Virusi itera SIDA 100% ahubwo byongera amahirwe agera kuri 60% .Nkuko urubuga umuganga.com dukesha iyi nkuru rubitangaza . Ibigo byita ku buzima byizeye ko nibura miliyoni zirenga 20 zizaba zimaze gusiramurwa mu mwaka wa 2015, kugira ngo icyorezo cya SIDA gikumirwe dore ko cyandurira cyane mu mibonano mpuzabitsina. Gusiramurwa si igikorwa gihariwe imyizerere ishingiye ku idini nkuko bamwe babyibeshyaho , ahubwo ni igikorwa cyakagombye gukorwa n'abagabo benshi. Ikindi ntabwo gusiramurwa bigabanya uburyohe mu gihe cy'imibonano , ndetse nta nubwo bigabanya igitsina nkuko bamwe babigiraho imyumvire itari myiza cyangwa ugasanga benshi baba badafite amakuru atariyo yuzuye ibihuha. Igikorwa rero cyo gusiramurwa ni igikorwa cyiza kuko usibye kudufasha kutwongerera amahirwe yo guhura na virusi itera SIDA ho amahirwe ya 60% bishobora kuturinda ni izindi ndwara zandurira mu isuku nkeya

# GUSIRAMURWA HAKORESHEJWE IMPETA YABUGENEWE, NI BUMWE MU BURYO BWIZEWE.



Gusiramurwa ni igikorwa kimaze imyaka myinshi cyane kuko cyaba cyaratangiye na mbere ya Yezu. Mu muco w'Abayahudi gusiramurwa bitangira umwana akivuka .Gusiramura byakorwaga mu rwego rwo gutuma abagabo bagira isuku bakarwanya n'indwara yatumaga agahu ko kw'isonga y'igitsina katihina (phimosis). Ikindi kandi bwari na bumwe mu buryo bwo kwiyeza.

. Gusa ubu buryo bwo gusiramura hakoreshejwe impeta bukaba bukorerwa byibuze abahungu bamaze gukura byibuze kuva ku myaka 15 kuzamura. Ntibukorerwa abana bato.

Mu Rwanda rero uburyo bwo gusiramurwa hakoreshejwe impeta bwatangiriye mu bitaro bya Kanombe butangizwa nyuma yo kubona ko ubushakashatsi bwakozwe kuri ubwo buryo nta kibazo gikorwa. Iki gikorwa rero ni igikorwa cyiza ntashyikirwa twashimira Leta y'u Rwanda cyane cyane itsinda ry'abaganga bya Gisirikari I Kanombe bitanze cyane ndetse bakitanga mu gukwirakwiza igikorwa cyo gusiramura hakoreshejwe impeta yabugenewe, igikorwa cyarenze imbibi z'igihugu cyacu aho no mu bihugu by'amahanga iri tsinda rikomeje gusangiza kuri ubwo bumenyi ku bandi baganga.



Club Rafiki Health Education Team

# Itangazo!

Ubwanditsi bw'Ikinyamakuru **Inshuti y'Urubyiruko** burashimira byimazeyo abasomyi n'abakunzi imyaka ibiri tumaranye ku makuru aruhura kandi yigisha. Intego y'ikinyamakuru Inshuti y'urubyiruko ni ukwigisha ndetse no guhugura. Dukomeje kubashimira ubufatanye mwatugaragarije , tukaba tuboneyeho umwanya wo kubasaba gukomeza kutugezaho ibitekerezo byanyu.



Club Rafiki Health Education Team

# Umunara wa Effiel, waba uzi amateka yawo?



**Aho Umunara Eiffel uherereye**

**Igihugu:** U Bufaransa

**Umujyi** :Paris

**Agace** : Arrondissement ya 7

**Amateka**

**Izina ryawo rya mbere** :«Umunara wa 300 m »

**Architecte** :Stephen Sauvestre

**Ingénieur(s)** :Gustave Eiffel & C$^{ie}$

**Kuwubaka** :1887 - 1889
Imyaka ibiri ,amezi 2 n'iminsi 5

**Icyo ukorerwamo**

Umunara wo gutembereramo ureba umujyi wa Paris uko wakabaye, uhetse za antene zifashishwa mu itumanaho.

Umunara wa Eiffel ni umunara wubatswe mu byuma ukaba ureshya na metero 324 z'uburebure ubariyemo na antene zawo. Uyu munara ukaba ubarizwa mu mujyi wa Parisi mu gihugu cy'u Bufaransa , umwe mu minara uhuruza ba mukerarugendo benshi ku isi baza kuwusura kuko wasuwe n'abagera kuri miriyoni 13,6 muribo 75 % bakaba bari abanyamahanga.. Umunara Eiffel wubatswe n'umuhanga mu myubakire Gustave Eiffel hagamijwe imurikagurisha mpuzamahanga ryari ryabereye i Parisi , Mu ntangiriro ukaba warabatijwe umunara wa metero 300 ,k'ubutumuburuke bwa metero 312 zawo Umunara Eiffel wagumanye ikamba ry'iminara miremire ku isi mu gihe cy'imyaka 41 yose. Uyu munara ukaba waragiye uba mueremure kubera amantene y'itumanaho wagiye wubakwaho .Nyuma yo kumurikirwa isi mu myaka ya 1889 wasuwe n'abamukerarugendo barenga miriyoni 200 bari bavuye ku isi yose. Umunara Eiffel ukaba uri mubigize ubwiza bw'umujyi wa Paris.

**Amateka y'umunara Eiffel**

Ku nshuro ya mbere umunara Eiffel watekerejwe na Maurice Koechlin na Émile Nouguier (Architectes) mu mwaka wa 1884 uza kunonosorwa na Stephen Sauvestre, undi mu Architecte w'umufaransa . Kuwa 1 Gicurasi 1886 nibwo minisitiri w'ubucuruzi mu Bufaransa Édouard Lockroy,yasinye itegeko rishyiraho amarushanwa yaragamije gutegura imurikagurish-wa ryo muwa 1889 umuhanga wari kubaka umunara Eiffel maze Gustave Eiffel atsinda ayo marushanwa. Inzu kabuhariwe mu kubaka y'i Mila mu Butariyani Vittorio Emanuele II, niyo yatanze igitekerezo cy'uko umunara Eiffel wakubakwa mu byuma.Imirimo yo kuwubaka ikaba yarahise itangira mu wa 1887 maze imara imyaka 2, ameza 2 n'iminsi 5. Ukaba warubatwe n'abakozi barenga 250 utahwa bwa mbere na Ingenieur Gustave Eiffel kuwa 31 Werurwe 1889. Kuva mu wa 1960 uyu munara ukaba wakira miriyoni zirenga 6 buri mwaka .Uburebure bwawo bukaba bwaratangaje isi kugeza mu wa 1930 ubwo hubakwaka umunara wa Newyork . Umunara wa Eiffeil ukaba ukorerwamo n'abantu 500 buri munsi bakorerwamo ibikorwa bitandukanye. Umunara Eiffel ukaba warashyizwe mu mitungo ndangamurage wa l'UNESCO. Umunara wa Eiffel ni umwe mu minara miremire cyane ku isi nyuma y'inzu ndende ubu ku isi Kharifa ifite metero zirenga 700. Ni ukuvuga Umunara Eiffel inshuro ebyiri.——— Inkuru twateguye twifashishije urubuga wikipedia

RUDAHUNGA Désiré

# Yannick Noah yagize icyo avuga ku ntsinzi ya Marine Le Pen



Nyuma ya Benjamin Biolay uherutse gusohora indirimbo irwanya ishyaka rya Marine Le Pen Front National , ubu noneho utahiwe ni umuhanzi Yannick Noah, wagize icyo atangaza ku majwi aherutse kubonwa n'ishyaka Front National . Abinyujuje kuri mikoro ya *BFMTV,* uyu muhanzi yagaragaje akababaro ko kuba yaratewe n'itsinda ry'ishyaka rya Marine Le Pen mu matora aherutse gukorwa mu nteko y'umuryango w'ubumwe bw'uburayi. Ikinyamakuru Closer dukesha iyi nkuru cyagaragaje amagambo ya Ynnick Noah aho yagize ati*: ' oooh nabyutse bukeye bwaho nyuma yaho numvise inkuru yuko Front National yatsinze, mu byukuri ntibyagendaga, . oh akababaro gusa gusa , nahise numva umutima umenetse, mfite isoni iyo bagenzi banjye bampamagaye bambaza bati ni biki byabaye iwanyu? Mfite isoni rwose, niki nakora? Sinshaka gutanga amasomo abantu bafite uburenganzira bwo guhitamo uko bashaka.''*

Ibi Yanick Noa abitangaje nyuma yaho mu kwa gatatu kuyu mwaka aherutse gusohora indirimbo yitwaga ''Akababaro kanjye'' Ibyamamare mu gihugu cy'u Bufaransa bikaba bikomeje kwamagana Marine Le Pen bitewe nuko ishyaka rye rigendera ku matwara y'abahezanguni, amatwara atihanganira abimukira babirabura cyane cyane bagana mu gihugu cy'u Bufaransa .Mu cyumweru gishize Jea Marie Le Pen ise wa Marine Le Pen uyobora iryo shyaka akaba aherutse kuvuga amagambo agayitse, aho yavuze ko indwara ya ebora yaba igisubizo kirambye ku mugabane wa Afurika.

## Ubukwe bwa Kim Kardashian na Kanye West,ngo bwaranzwe n'ubwiherero budasanzwe (les toilettes) !



Iyo uvuze ubukwe , twumva ikanzu y'umugeni, indabo z'akaraboneka, ndetse n'ibirori biba byateguranywe ubuhanga, ariko kuri Kim Kardashian na Kanye West, ubukwe bwabo buherutse kuba mu cyumweru gishize, bwaranzwe n'akandi gashya, ubukwe bwaranzwe na WC zikozwe muri zahabu. Nkuko ikinyamakuru Pege Six cyabivumbuye ngo WC yagize uruhare rukomeye mu guhuza ibi byamamare. Uti ese gute: Kim Kardashian na Kanye West ubukwe bwabo bwabereye ahitwa Forti di Belvedere mu Butariyani , iyi nzu ikaba yarubatswe ahagana mu kinyejana cya XVIème I Florence. Mu bikoresho byakataraboneka byifashishijwe mu kuzamurwa muri m 70 zahari kubera ibirori, hazamuwe ubwihereo bwubatse muri zahabu , ubwiherero bureshya na 15m z'uburebure. Page Six nkuko ikomeza ibitangaza ngo ubu bwiherro bwari bugenewe ababyeyi ba North West. Ubu bwiheroro icyatumye rero ngo buba agashya ni uko bwari bwubatse hafi y'ameza y'abakwe ndetse n'abandi batumirwa bibikomerezwa bari batashye ubwo bukwe. Ubu bwiherero bukaba bwarabatijwe akazina k'igitariyani : le *Torre di Bagni Oro, bishatse kuvuga umunara wa WC yubatse muri zahabu.*

**RUDAHUNGA Désiré**

# EJO HACU

## Umuhanzi SEKAGANDA ati:" IBIKORWA BYANJYE NIBYO GACIRO KANJYE"



Niyitegeka Gratien niryo zina nyakuri ry'uyu muhanzi ni umwanditsi w'imivugo n'indirimbo, umuririmbyi, umukinnyi n'umwanditsi w'ikinamico, Umunyarwenya, umukinnyi wa filimi nk'iyiswe Zirara Zishya n'izindi aho akina yitwa Sekaganda cyangwa Mvumbuko bitewe n'iyo yakinnyemo. Uyu muhanzi uwavuga ko ari ikinege mu ruhando rw'abahanzi bakora cyane ku kumenyekanisha umuco wacu ntiyaba amugerekeye.Sekaganda ni umusore w'ingaragu wavukiye i Kiyanza mu Karere ka Rurindo mu Ntara y'Amajyaruguru, akaba amaze ku isi imyaka 35 gusa, kuri we asanga nta cyamubuza inzira ye yo guhanga yemeza ko aramutse ashatse umugore atamubuza gukomeza gukina ibiri mu mpano ye ko ndetse bibaye ngombwa ko atabimushyigikiramo, ubwo yaba aje ari umutwaro cyangwa se urugingo ruje kumucumuza. Mu gihe bamwe bakeka ko uyu musore atakandagiye mu ishuri bitewe n'ibyo akina, we avuga ko byatewe n'uko uwanditse umukino yamwubatse bitavuga ko ari umuturage nk'uko agaragara kuko yize amashuri yisumbuye aho yize ibinyabuzima n'ubutabire ndetse yiga na kaminuza ibijyanye no kwigisha mu ishuri nderabarezi rya Kigali (KIE), aho yize ibinyabuzima n'ubumenyi bw'isi, ngo akaba yaranabyigishije igihe kitari gito.

Niyitegeka avuga ko gukina ibintu bisa nk'ibimutesha agaciro we ntacyo bimubwiye, ngo kuko ari umuhamagaro we bityo akaba asanga kubikina hari ubutumwa atanga ari byo byamuhesha agaciro kurusha uko yareka kubikina kuko bitajyanye n'urwego arimo ati "bamwe mu banzi ni ko babyumva, ariko si ko ubwenge bwanjye bumbwira ikindi ni impano nahawe, ntabwo nkeka ko kwiyubaha cyangwa gukomera biva ku byo abantu bavuga, ahubwo nakomezwa n'ibyo nkora n'icyo bimarira umuryango nyarwanda nanjye ubwanjye. Nta kibi nkora, sindoga, sinica, ni yo nabikina ni ubutumwa mba ntanga". Mu buzima busanzwe uyu musore avuga ko atandukanye cyane no mu mukino, kuko ngo abantu bazi ko ari umuntu udashobotse, uvuga amagambo adahuye ngo, ariko abamuzi cyane nk'abo afasha mu bukwe no mu bindi birori bazi ko ari umunyabwenge kandi yiyubaha mu byo akora byose.

Niyitegeka avuga ko abakinnyi bose akinana na bo bamushimisha, gusa ngo ashimishwa cyane n'ukuntu uwitwa Nyinawambogo akina ndetse akanafata vuba ibyo bamuhaye gukina. Asanga abastar badakwiye kwiyumvamo iki kintu ngo kuko nta muntu wimenya.

Sekaganda yagize ubutumwa atanga ati "inyenyeri iberaho kumurikira abandi. Ababona ibyo ukora ni bo bakwiye kumenya ko uri inyenyeri ibamurikira, mu gihe umuhanzi atangiye kwiyumvamo gukomera, ubwenge buba bwatangiye kugabanuka haba mu nganzo ndetse no mu mikinire".



Bamwe mu bakinnyi bakinana na Sekaganda, aha ni muri filimi zirara zishya.Foto kigalireport.com

**NSENGUMUREMYI O.Tony**

# Bimwe mu bintu twakwitondera kugira ngo umujyi wacu urusheho kuguma kugira isuku.



Ruhurura zitaweho zihitana ubuzima bw'abantu.foto RBA

Iyo uzengurutse umujyi wa Kigali utangwazwa n'ubwiza buranga uyu mujyi mu biti biteye amabengeza umjyi urangwa n'ibintu byose biri kuri gahunda, aho kugendera kuri moto kwambara kasike yabugenewe ari itegeko, aho amasashi atemewe, aho kubona abantu bambaye imyenda isa nabi ari ikizira. Umujyi wa Kigali uri mu mijyi ya Afurika ifata umwanya mwiza mu bijyanye n'isuku iwuranga, ku buryo mu wa 2009 uyu mujyi wahawe igikombe nk'umujyi wa mbere muri Afurika urangwa n'isuku ndetse n'umutekano .Ariko kandi kugira ngo umujyi wacu urusheho gukomeza gusa neza ndetse ku buryo n'abawugenderera barushaho gukomeza kugubwa neza ni ngombwa ko turushaho gukomeza kwita kuri ibi bintu bikurikra:

Abakijugunya imyanda muri ruhurura: Mu duce tumwe na tumwe mu mujyi wa Kigali uracyabona abantu bahengera ni njoro bakajugunya imyanda muri za ruhurura , imyanda yamara kuba myinshi igatangira kunuka ndetse ikaba yakomeza guteza isuri mu gihe imvura y'igikatu iguye, kuko amazi aba yabuze aho anyura bityo akishakira inzira ku buryo asenya ibikorwa remezo cyangwa akangiza imitungo y'abaturage .Ikindi n'ubwo amasashi yaciwe mu Rwanda hari ayinjira ku buryo bwa magendo nabyo bikomeje guteza umwanda hamwe na hamwe. Ikindi kintu gihangayikishije inzego z'isuku ni abatigira ubwiherero ndetse nababufite ugasanga nta mutekano bufite n'isuku. Ubwiherero butubakiye neza nibwo ntandaro nanone y'isuku nkeya ndetse n'indwara ziva ku mwanda hari naho usanga ubwiherero bumwe na bumwe mu duce twegereye za ruhurura impombo zabwo zerekezwa muri ruhurura.Ikindi gitera isuku nkeya ku buryo ubona byabangamira ibidukukije ni udukarita tw'itumanaho tw'ibigo by'itumanaho aho umuntu arangiza kugura agakarita yamara kugakoresha ashyira muri terefone ye imibare yabugenewe akakajugunya aho yiboneye , aho usanga biteza umwanda ahantu hose. Ibi bibazo by'isuku nkeya bibangamira ibidukikije ubisanga ahanini mu duce dutuwe mu kajagari cyangwa tugendwa cyane. Ni mucyo rero turusheho gukomeza kubumbatira ibikorwa bituma umujyi wacu urushaho gukomeza gusa neza. Usibye kuba byarengera ibidukikije birushaho gutuma abagendera umujyi wa Kigali bagubwa neza kandi bumva batewe ishema no kuba umujyi wacu usa neza.



RUDAHUNGA Désiré



## Tumwe mu dukuru twaranze Nyamirambo yo hambere mu myaka ya za 80

Dore tumwe mu dushyengo ndetse n'udukuru dukesha ikinyamakuru journal Rafiki twavugwaga i Nyamirambo mu myaka ya za 86.

Mode yari igezweho icyo gihe

**Liputa**

Liputa ni umuderi wadutse mu 1986, abantu bari baharaye cyane cyane abagore ndetse n'abakobwa b'i Nyamirambo. Uwo mwambaro wari ugizwe n'agashati k'igitenge , igikwembe bakenyeraga nkuko bisanzwe , icyakabiri aho kukitera akagikenyera ku itako . Wasangaga bibereye ababyambaraga uretse ko wasangaga ubyambaye afite ibuno rinini wasangaga ryatuze byahatari.

**Chamara**

Ni amakoboyi y'amapantaro wasangaga afite imifuka myinshi n'imashini ahantu hose , wasangaga ateye nk'imyenda y'abasirikari afite n'amakoti yayo.

**Mariyo**

Izina Mariyo ryavuye ku ndirimbo yahimbwe na Orkestre yo muri Zayire (RDC ubu) , Ba Mariyo rero ngo wasangaga ari udusore dufite abagore babanyamafaranga ( ba shuga mami bubu) baguriraga utwo dusore imyenda ihenze cyane ,udukufi twa zahabu ndetse nibindi bintu bihabya .

Abo basore rero ngo iyo wahuraga nabo wasangaga bakize kandi nta kazi bafite . Abo basore rero wasangaga barya abana akayamvugo yubu , bakuruwe niyo myabarire abo basore bakeshaga abo bakecuru babanyamafaranga babaga abarinjiye.

**Dore zimwe mu mvugo zari zogeye mu myaka ya za 80 I Nyamirambo**

Utujenti, cyangwa utujeve : Wasangaga ari abasore cyangwa inkumi bahora bajyana n'ibigezweho mu myambarire.

Udukwavu: iri jambo barikoreshaga bashaka kwerekana uturaya tukiri duto.

Venti Venti: Indaya zo mu rwagwa

**Kisipi**

: Iri jambo barikoreshaga bavuga umukobwa mwiza

**Inkayu**

: inkaritasi

**Gukaya** : Gusambana

Ibishuga : Abashomeri

Utu ni tumwe mu dushyengo twabakusanyirije twifashishije ikinyamakuru cyandikwaga muri Club Rafiki ( Journal Rafiki nimero 80 yasohotse

**RUDAHUNGA Désiré**

# BYENDA GUSETSA

Rimwe umushoferi yagiye isafari arenze umupaka wi Burundi umuporisi w'umurundi aramuhagarika amusaba ibyangombwa.asanga biruzuye,arangije azenguruka imodoka yose asanga nta cyibazo imodoka ifite.Nuko abwira umushoferi ati ubungiye kuguhana, kuri wewe wenyine mu muduga.Ugize ikibazo ntiwobona umutabazi. Umushoferi aramusubiza ati ndi kumwe na Yezu na Mariya na Yozefu na Roho mutagatifu na Bamarayika bose. Umuporisi ati nonese ko watendetse?



Umusazi yagiye gutembera ku kivu ahasanga undi musazi yicaye ku nkombe y'i kivu ariho ararira.maze wa musazi aramubaza ati kurikurira wapfishije umuntu muri aya mazi? Undi nawe aramusubiza ati ubu mfite agahinda kenda kunyica kubera isukari yanjye nshize muri iki cyayi none ikaba itakoze.Uwundi nawe aramusubiza ati yewe urumusazi koko,ubuse wibutse gukoroga?

Umusirikare nako umupolisi yabwiye Cherie we ati : urasa neza nk'igifaru. useka neza nka machine gani, ariko wa mujinga we uri mwiza pe! Maze muri honey moon nzakujyana Darfur! baby araseka amukubita agashyi ku itama, umusirikare ati usinizoweye na haduyi ntiyantinyuka, bageze mu cyumba ati lala chini nikupatiye morale we mujinga!

**Byateguwe n'umukunzi w'Inshuti y'urubyiruko Nzeyimana Amini**

# Rwanda: igihugu kibereye ishoramari



### Ubukungu bwihuse

Politike y'ubukungu yagiye izamurwa cyane kuburyo mu wa 2004, ubukungu bwazamutseho 8% , mu 2011 buzamukaho 11%. Nubwo muwa 2009 ku isi habaye ikibazo cy'ubukungu ku isi ubukungu mu Rwanda ntibwagabanutseho.

### Politike y'igihugu

Igihugu cyashyizeho politike ihamye yiswe vision 2020 , politike yo kuzamura abikorera ku giti cyabo , ndetse no korohereza abashoramari ku buryo mu Rwanda kwandikisha ubucuruzi kuri ubu bisigaye bitwara umwanya muto cyane kuko ubu bisigaye bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ibi byatumye ruva ku mwanya wa 143 rukaba rugeze kuwa 67. Ibi bakaba aribyo bise 'doing busness' muri raporo yatanzwe na banki y'isi

### Ishoramari rishingiye ku bukerarugendo

Leta y'u Rwanda yateje imbere ubukerarugendo , akaba ariyo mpamvu hari hitaweho kubaka amahoteri ndetse no guteza imbere ibikorwa remezo, mu 'bijyanye n'ubukerarugendo kandi hagiye harebwa ku baturage baturiye za parike aho bagiye bafashwa mu mishinga itandukanye ibazanira inyungu. Ibi byatumye benshi batangira gufata neza za parike. Guteza imbere ubuhinzi bujyanye n'icyayi ndetse n'ikawa. , iki gice nacyo kiri mu bintu bigenda bizamura ubukungu cyane. Ndetse ntitwakwibagirwa guteza imbere ibijyanye n'amabuye y'agaciro. U Rwanda kuba rubarizwa mu muryango w'uburasirazuba bw'Afurika , umuryango ufite isoko ringana na miriyoni 120 , ni isoko rizakomeza kuzamura ubukungu ndetse riteze imbere nabarituye.

**KAVUTSE Désiré**

## AMAKURU YO HIRYA NO HINO

Arijantine: Inzoka ya Anakonda yafatanywe kokayine

Mu gihugu cya Arijantine Inzoka yo mu bwoko bwa Anakonda yafashwe yifashishijwe mu gutwara ibiyobyabwenge bya kokayine. Polisi ikaba yabifatanye umugabo witwa Gonzalez Catani we aho iyo nzoka yari ibibundikiye Ibiro ntaramakuru bya Abafaransa dukesha iyi nkuru , bitangaza ko umukuru wa Polisi yari yaketse ko iyo nzoka yaba ibundikiye ibiyobyabwenge, nuko nyuma yo kwitabaza inzobere mu bikururanda nibwo babashije kuyifata. Anakonda ikaba itari mu nzoka z'ubumara izo bita les serpants venimeux, ishobora kureshya na metero 10 igapima ibiro 200.






Nguwo Max mbere na nyuma yo kwibagisha (foto gentside)

Burezire : Umunyaburezire witwa Max nyuma yo kwibagisha isura , ashaka kuba nkabanyakoreya , byagenze neza. .
Uku guhinduka kuyu musore w'imyaka 25 nkuko tubikesha urubuga gentside.com , kwabayeho nyuma yo kwibagisha isura. Ubusanzwe yari umuzungu wuzuye! Ubusanzwe ngo abibagisha amasura baba bashaka ubwiza ku isura yabo, ariko uyu nguyu ngo yabikoze agamije guhinduka burundu akaba umunyakoreya yepfo.Uyu musore wahise afata akazina gashya Xiahn ngo kuva mubwana bwe yari yarikundiye umuco wabanyakoreya yepfo

**KAVUTSE Désiré**

# Mwarimu Julius Kambarage Nyerere, yari muntu ki?



**Julius Kambarage Nyerere yavutse kuwa** 13 Mata 1922 i Butiama atabaruka kuwa 14 Ukwakira 1999 i Londres akaba umunyapolitike mu gihugu cya Tanzaniya ndetse akomoka mu bwoko bwaba Zanaki.

Julius Nyerere yabaye Minisitiri w'intebe wa Tanzaniya hagati ya 1960 na 1961, nyuma aba Perezida wa Repuburika kuwa 29 Ukwakira 1964 kugeza ku wa 5 ugushyingo 1985. Nyerere azwi ku kazina ka Mwarimu akaba yaraharaniye cyane politike za gisosiyarisiti muri Afurika.

**Ubwigenge bwa Tanzaniya ,intangiriro ya politike Nyerere**

Mu 1953, Julius Nyerere nibwo yatangije ishyaka Tanganyika African National Union (TANU) ryaje kumugeza ku bwigenge bwa Tanganyika butanzwe n'Ubwongereza kuwa 9 Ukuboza 1961, aho Nyerere yahise aba Minisitiri w'intebe , maze mu mwaka wakurikiyeho haba amatora aribwo Mwarimu Julius Nyerere yahise aba Perezida wa Tanganyika.

**Nyerere ku butegetsi : 1964-1985**

Kuwa 26 Mata 1964, Tanganyika nibwo yiyunze na Zanzibar maze bibyara Repuburika yunze ubumwe ya Tanzaniya. Nyerere nibwo yahise aba Perezida mushya wa Tanzaniya maze mugenzi we Abeid Karume aba Perezida wa Zanzibari. Nyerere yahise atangaza ubumwe aho yagize ati ''nta bumwe , abaturage ba Afurika nta ejo hazaza bafite'' Nyerere akimara kuba Perezida yahise atangiza politike y'Abashinwa aho yahise ategeka ko abanyatanzani ya 1967 Tanzaniya yasohoraga abanyeshuri barangije ishuri rikuru 120. Politike y'ubuhinzi yise ujamaa yazamuye cyane ubukungu bwa Tanzaniya. Gusa mugenzi we Karume warushyigikiye politike y'abanyaburayi , yaje kwicwa mu 1972. Kugeza na nubu urupfu rwe rukaba rukiri amayobera. Muri iyo myaka kubera ko ibihugu by'uburayi byari byaragabanyije inkunga byageneraga Tanzaniya, ubushinwa icyo gihe nibwo bwafashaga cyane igihugu cya Tanzaniya kubera politike Nyerere yari yarahisemo. Ni muri ubwo buryo Ubushinwa bwateye inkunga Tanzaniya umuhanda wa Gariyamoshi uhuza Dar-es-Salaam na Zambie umuhanda wubatswe mu wa 1975. Muri politike ya Nyerere afatanyije n'Abashinwa yubatse imidugudu 800 aho yagiye avanga amoko atandukanye ya Tanzaniya agamije kuyabanisha. Miriyoni 9 icyo gihe nizo zimuwe icyo gihe. Mu wa 1977 nibwo ishyaka TANU rya Nyerere ryaje guhindukamo Chama cha Mapinduzi . Gusa mu myaka ya 1967 ibihugu bikikije Tanzaniya by'amajyaruguru nka Uganda ndetse na Kenya byari bimeranye nabi , nyamara mu wa 1967 ibi bihugu uko ari bitatu byari byarashinze umuryango ubihuza, umuryango uhuza Afurika y'uburasirazuba. Gusa Kenya kubera ko yo yagenderaga kuri politike yabakominisiti , politike ahanini yari ishyigikiwe n'Abanyaburayi, byatumye ibi bihugu byombi bigirana amakimbirane ku buryo mu 1977 ibi bihugu byaje gufunga imipaka yabyo. Bityo umunyagitugu Idi Amin Dada nawe atera igihugu cya Tanzaniya. Iyi ntambara ikaba yaratwaye akayabo ka miriyoni 500 z'amadorali. Mu myaka ya 1980 igihugu cya Tanzaniya kikaba cyari gikennye cyane. Gusa mu myaka ya 1984 Nyerere yahise atangira guhindura politike kugira ngo azahure ubukungu bwari butangiye kugwa. Politike ya Nyerere yibanze cyane cyane kutagira aho abogamira mu ntambara y'ubutita yahuzaga ibihugu by'ibihangange birimo Leta zunze ubumwe z'abasoviyeti ndetse n'Abanyamerika. Nyerere yiyegereje cyane ubushinwa ariko atibagiwe n'ibihugu bindi by'Uburayi. Mu kwimakaza umuco wo gukorera hamwe w'ibihugu by'afurika Nyerere yagize uruhare rukomeye mu gushing ishyirahamwe Organisation of African Unity muwa 1963.Ishyirahamwe ryari rishyigikiye imitwe yaharaniraga ubwigenge muri icyo gihe. Aha twavuga nka African National Congress (ANC) Ishyaka rya Nelson Mandera FRELIMO ryaharaniraga ubwigenge bwa Mozambike, , MPLA ishyaka ryo muri Angola na ZANLA ryaharaniraga ubwigenge bwa Rhodesia. Nyerere afatanyije na Kenneth Kaunda wa Zambia, bagize uruhare rukomeye mu guharanira impinduramatwara zaharanirwaga n'abirabura mu bihigu byabo byari byarakoronijwe n'abazungu. Mu wa 1978 Nyerere yagize uruhare rukomeye cyane mu guhirika umunyagitugu Id Amin Dada wa Uganda.

# Mwarimu Julius Kambarage Nyerere, yari muntu ki?

Nyerere kandi yagiye yamagana yivuye inyuma ubutinganyi aho yavugaga ko Atari umuco w'abanyafurika ahubwo ari ikintu ibihugu bya Afurika bigomba kurwanya byivuye inyuma. Politiki za Nyerere zagiye zigwa mu mashuri makuru hirya no hino ku isi.

**Kuva ku butegetsi bwe.**

Nyuma yuko Nyerere avuye ku butegetsi yagumye ku buyobozi bw'ishyaka CCM kugeza mu wa 1990 ubwo Ali Hassan Mwinyi yamwakiraga . Nyerere akaba yarahise yerekeza mu majyaruguru ya Tanzaniya mu mudugudu wa Butiama. Mu kiruhuko cye cy'izabukuru Mwalimu Jilus Nyerere yagiye akora ingendo nyinshi cyane hirya no hino ku isi aho yagiye yifashishwa mu nama nyinshi cyane. Nyerere kandi azwi nk'umuntu wabaye umuhuza mu matati y'Abarundi mu wa 1996. Akaba yaratabarutse mu bitaro bya London , leukaemia kuwa 14 Ukwakira 1999.

**Amwe mu mashuri makuru Mwalimu Jilus Nyerere yagiye ahabwamo impamyabumenyi z'icybahiro yagiye** Universite ya Edinburgh (UK), Duquesne University (USA), Univerisite ya Cairo (Egypt), Univerisite ya Nigeria (Nigeria), Univerisite ya Ibadan (Nigeria), Univerisite ya Liberia (Liberia), Univerisite ya Toronto (Canada), Howard University (USA), Jawaharlal Nehru University(India), Univerisite ya Havana (Cuba), National University of Lesotho,[33] University of the Philippines, Fort Hare University (South Africa), Sokoine University of Agriculture (Tanzania), and Lincoln University (PA, USA). Mwalimu Jilus Nyerere yagiye ahabwa imidari myinshi cyane , imwe muri yo midair ntitwayivuga ngo tuyirangize ariko twavuga nkiyo yahawe n'Igihugu cyacu. Umudari yahawe wa National Liberation Medal na Campaign Against Genocide Medal ( Umudari yahawe wuko yagize uruhare mu kurwanya jenoside yakorewe abatutsi) iyi midari akaba yarayihawe muwa 2009. Mwalimu Nyerere kandi yagiye




yitiririrwa imihanda n'uduce twinshi hirya no hino muri Afurika.

Iyi nkuru twayiteguye twifashishije ubushakashatsi bukurikira:

^ Jump up to:[a] [b] [c] Blumberg, Arnold (1995). *Great Leaders, Great Tyrants?: Contemporary Views of World Rulers who Made History*. Greenwood Publishing Group. pp. 221–222. ISBN 0-313-28751-1.**Jump up^** Hopkins, Raymond F. (1971). *Political Roles In A New State: Tanzania's First Decade*.Yale University Press. p. 204. ISBN 0-300-01410-4.^ Jump up to:[a] [b] Skinner, Annabel (2005). *Tanzania & Zanzibar*. New Holland Publishers. p. 19.ISBN 1-86011-216-1.**Jump up^** http://www.policyforum-tz.org/files/LeeKyongKoo.pdf^ Jump up to:[a] [b] Simon, David (2006). *Fifty key thinkers on development*. Taylor & Francis. p. 193.ISBN 0-415-33790-9.**Jump up^** Clagett Taylor, James (1963). *The political development of Tanganyika*. Stanford University Press. p. 95. ISBN 0-8047-0147-4.**Jump up^** Lawrence, David (2009). *Tanzania: The Land, Its People and Contemporary Life*. Godfrey Mwakikagile. p. 58. ISBN 9987-9308-3-2.**Jump up^** Kantowicz, Edward R. (2000). *Coming Apart, Coming Together*. Wm. B. Eerdmans Publishing. p. 258. ISBN 0-8028-4456-1.^ Jump up to:[a] [b] Kaufman, Michael T. (15 October 1999), "Julius Nyerere of Tanzania Dies; Preached African Socialism to the World", *The New York Times*, retrieved 26 March 2010**Jump up^** Mwakikagile, Godfrey (2006). *Tanzania Under Mwalimu Nyerere: Reflections on an African Statesman*. Godfrey Mwakikagile. p. 21. ISBN 0-9802534-9-7.**Jump up^** Mwakikagile, Godfrey (2006). *Nyerere and Africa: End of an Era*. Godfrey Mwakikagile. p. 575. ISBN 0-9802534-1-1.**Jump up^** Cross, Colin (1969). *The fallof the British Empire, 1918–1968*. Coward-McCann. p. 306.

,

**RUDAHUNGA N. Désiré**

## AMAFOTO YO KWIBAZAHO








# ESE NIBYO?

## Imbwa zaba zifite ubuhanga budasanzwe bwo kuvumbura indwara y'agasabo k'abagabo gafasha kubyara ( prostate)



Ubusahakashatsi butangazwa n'ikigo cy'ubuvuzi cy'i Milan Istituto Clinico Humanitas buragaragaza ko imbwa zaba ari kabuhariwe kurusha siyansi y'abantu mu kumenya ko umuntu yaba arwaye kanseri y'agasabo bita mu gifaransa Prostate, gafasha cyane abagabo kuba babyara. Inzobere z'Abatariyano ziremeza ubu bushakashatsi ko imbwa zifashishije ububasha bwazo buhambaye bwo kwinukiriza zabashije kuvumbura kanseri ya prostate inshuro 98% kurusha ubundi buryo busanzwe bukoreshawa muri siyansi bita (Prostate Specific Antigen) . Ubu buryo bwo bukaba bwarabashije kuvumbura kanseri ku kigero cya 80% gusa.Ubu bushakashatsi bukaba bwarakorewe ku bantu 667 bwagaragaje ko imbwa ariyo kwiringirwa cyane mu kuvumbura iyi ndwara.Mu gihugu cy' Ubufaransa Muganga Olivier Cussenot nawe mu mwaka wa 2008 yari yabashije kuvumbura ubu buryo bw'imbwa mu gutahura indwara za kanseri zibihaha ndetse niyamara. Inzobere zikaba zanzura zivuga ko iki cyaba ari igitego mu buvuzi dore ko gutahura indwra ya kanseri byahendaga cyane. Mu myaka iza bishobotse imbwa zizajya zitanga ubufasha bukomeye mu gupima kanseri ya prostate.

**KAVUTSE Désiré**

## AMASHYENGO N' IKARISHYA BWENGE

Kugira ngo ubashe kumenya amakosa y'igikomerezwa ni ngombwa kubanza kuyamenya neza mu gihe amateka yayashyize ahagaragara umunsi umwe.
**Alembert Jean Le Rond (1717-1783)**

Ntibishoboka rwose ku kubwira imyaka yanjye ,kuko irahindagurika buri gihe
**Allais Alphonse (1855-1905)**

Inda irimo ubusa nta mwatwi igira ,ariko igira izuru rihumurirwa kurushaho!
**Allais Alphonse (1855-1905)**

Umuryango w'abahakanyi uzavumbura idini
Balzac Honoré (1799-1850)

Abanzi bacu batubamo muri twebwe
Bossuet (1627-1704)

Siyansi nyayo ni ukwigira ku amateka.
Histoire naturelle

Biroroha cyane kubahiriza amahame

Iyo wariye neza .
Mrk twain

Biragoye cyane gusuka umufa

w'inyama mu muhogo w'impyisi

Warangiza ukayisaba kuwucira
AHMADOU Kourouma

Byaba byiza kugira ukuri kuryana

Kurusha ikinyoma gishimisha
Umugani wa ba berbere

Amateka n'uruhererekane rw'ibinyoma

Abantu bumvikanaho-
Napoleon Bonaparte

Ushobora gutangirira aho ushaka hose, ndetse no kuntangiriro.-Jean Paul SARTRE

Amafaranga n'inka bagore,kuyacunga bisaba kuyitaho,iyo bitagenze gutyo azatanga umunezero ku bandi.

Eduard Bourdet



**RUDAHUNGA Désiré**

# AMAKURU Y'IMIKINO

## Rutahizamu Radamel Falcao , yaba afite amahirwe yo kwerekeza mucy'isi?




Rutahizamu w' Igihugu cya Colombia Radamel Falcao washakishijwe cyane n'ama kipe akomeye ku mugabane w'Iburayi arimo Arsenal, Chelsea, Manchester City ndetse Manchester United ariko bikaza kurangira agiye mu Igihugu cy'Ubufaransa mu ikipe ya Monaco kuri miliyoni 50 z' amafaranga akoreshwa ku mugabane w'Uburayi. uwo mukinnyi kandi nyuma yo kuvunika mu ivi yagerageje gukora ibishoboka ngo arebe ko yajyana n'ikipe y'igihugu cyabo cya Colombia mu igikombe cy'Isi ariko bikaba bigaragara ko afite amahirwe make yo gutoranywa mu abakinnyi 23 banyuma. uwo mugabo uzwi ku kazina k'akabyiniriro nka FAL GUY : Falcao aritangariza ko agifite icyizere cyo gukina mu amakipe akomeye yo k'umugabane w'Uburayi cyane cyane akaba atangaza ko yikundira cyane shampiyona yo mu igihugu cy'Ubwongereza uburyo ikinwa ngo kuko iba ifunguye ku buryo byamworohera kubona ibitego akaba atangaza ko ari shampiyona y'ingifu kandi ishimishije uyu mukinnyi ariko wakinnye imikino 19 mu ikipe ya Monaco agatsindamo ibitego 11 mbere yuko agira ikibazo cy' imvune yo mu'ivi. uyu mukinnyi ariko ngo ikintu kimubangamiye n'uko agifitanye amasezerano y'imyaka 4 n'ikipe ya Monaco aho bitamworoheye ko yamurekura bitewe n'amafaranga menshi mu ikipe ya Atletco Madrid.



**SIBOMANA Steve**

# BYENDA GUSETSA

Rimwe Joriji Baneti yateze bus agiye mu mujyi yicara iruhande rw'umukobwa wari ufite amabere manini cyane. Ariko hagati yayo mabere nyamukobwa yari yambaye ishapure iriho Yesu abambwe ku musaraba.nuko joriji akajya ateraho akajisho buri mwanya yirebera ayo mabere. Nyamukobwa amubonye abaza Joriji ati: Joriji we uri kwirebera Yezu wi Nazareti watubambiwe ku musaraba? Joriji nawe ati reka da ahubwo ndikwirebera ibyo bisambo bibiri bibambanywe nawe.

Imbeba eshatu zari ziri mu mihigo yo kwirarira, iya mbere iti: Turiya duti bita sumu ya panya nitwo nkoresha nibrossa! Iya kabiri iti: "aho uzi ko jye akamashu ariko nkoreraho pompage na za abudomino?"iya gatatu si uguseka yivayo iti:" mwe muri feke!ubu tuvugana maze kurongora ipusi.



**Byateguwe n'umukunzi w'Inshuti y'urubyiruko Nzeyimana Amini**

# INKURU ISHUSHANYIJE

